



REPUBLIQUE Y'U RWANDA KOMISIYO Y'IGHUGU Y'AMATORA

**AMABWIRIZA N° 02/2017 YO KU WA 04/04/2017 YA KOMISIYO Y'IGHUGU
Y'AMATORA AGENGA ITORA RY'ABAKANDIDA DEPITE
B'U RWANDA MURI EALA**

MATA, 2017

AMASHAKIRO

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE.....	4
Ingingo ya mbere: Icyo aya Mabwiriza agamije.....	4
Ingingo ya 2: Abakandida bashyikirizwa Inteko Ishinga Amategeko	4
Ingingo ya 3: Ibisabwa abakandida	4
UMUTWE WA 2: ITORA RY'ABAKANDIDA BATANGWA N'INZEGO ZIHARIYE	4
ICYICIRO CYA MBERE: ILISITI Y'INTEKO ZITORA.....	4
Ingingo ya 4: Itegurwa ry'ilisiti y'itora	4
Ingingo ya 5: Abagize Inteko itora abakandida batangwa n'Inama y'Ighugu y'Abagore.....	5
Ingingo ya 6: Inteko itora abakandida b'Inama y'Ighugu y'abantu bafite Ubumuga.....	5
Ingingo ya 7: Inteko itora abakandida b'Inama y'Ighugu y'Urubyiruko	5
ICYICIRO CYA 2: ITANGWA RYA KANDIDATIRE	5
Ingingo ya 8: Abemerewe gutanga kandidatire	5
Ingingo ya 9: Igihe cyo gutanga kandidatire.....	5
Ingingo ya 10: Ibyangombwa bigomba guherekeza kandidatire	5
Ingingo ya 11: Ibibujijwe mu itangwa rya kandidatire	6
ICYICIRO CYA 3: KWIYAMAMAZA	6
Ingingo ya 12: Igihe cyo kwiyamamaza	6
Ingingo ya 13: Uburyo bwo kwiyamamaza	6
ICYICIRO CYA 4: IMIGENDEKERE Y'AMATORA	6
Ingingo ya 14: Aho amatora abera.....	6
Ingingo ya 15: Igihe itora ritangirira.....	6
Ingingo ya 16: Indahiro itangiza itora.....	7
Ingingo ya 17: Inyandiko mvugo itangiza n'isoza itora	7
Ingingo ya 18: Ibyangombwa uje gutora yitwaza.....	7
Ingingo ya 19: Imikoreshereze y'agasanduku k'itora.....	7
Ingingo ya 20: Uko abakandida batorwa	7
Ingingo ya 21: Iyubahirizwa ry'ihame ry'uburinganire.....	7
Ingingo ya 22: Uburyo abafite ubumuga batora	8
ICYICIRO CYA 5: IBARURA RY'AMAJWI.....	8
Ingingo ya 23: Ibarura ry'amajwi ku biro by'itora	8
Ingingo ya 24: Ihuzwa ry'amajwi y'abakandida	8
UMUTWE WA 3: IYOHEREZWA RYA LISITI N'IMYIRONDORO Y'ABAKANDIDA	8
Ingingo ya 25: Inzego zishyikiriza Abakandida Komisiyo y'Ighugu y'Amatora.....	8
Ingingo ya 26: Iyoherewa ry'ilisiti n'imyirondoro y'abakandida mu Nteko Ishinga Amategeko	9
UMUTWE WA 4: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA	9
Ingingo ya 27: Ivanwaho ry'ingga zinyuranye n'aya Mabwiriza.....	9
Ingingo ya 28: Ishyirwa mu bikorwa ry'aya Mabwiriza.....	9
UMUGEREKA WA 1: INDAHIRO Y'ABAYOBORA IMIRIMO Y'AMATORA.....	10
UMUGEREKA WA 2: INYANDIKOMVUGO ITANGIZA ITORA	11
UMUGEREKA WA 3: INYANDIKOMVUGO ISOZA ITORA KU BIRO BY'ITORA	12
UMUGEREKA WA 4: INYANDIKO KU IBARURA RY'AMAJWI KU RWEGO RW'AKARERE.....	13
UMUGEREKA WA 5: INYANDIKOMVUGO Y'IHUZWA RY'AMAJWI KU RWEGO RW'INTARA...14	

INAMA Y'ABAKOMISERI,

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015 cyane cyanye mu ngingo zaryo, iya 2 n'iya 139;

Ishingiye ku Itegeko n°15/2012 ryo ku wa 03/05/2012 rigena itora ry'Abadepite b'u Rwanda mu Nteko Ishinga Amategeko y'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba (EALA), nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 2, iya 5, iya 9, n'iya 11.

Ishingiye ku Itegeko n° 001/2016 ryo ku wa 05/02/2016 rigena inshingano, imitunganyirize n'imikorere by' Inama y'Igihugu y'Urubyiruko;

Ishingiye ku Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 01/03 ryo ku wa 11/02/2011 rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'Inama y'Igihugu y'Abagore, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 6,

Ishingiye ku Iteka rya Minisitiri w'Intebe n°02/03 ryo ku wa 11/02/2011 rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'Inama y'Igihugu y'abantu bafite Ubumuga nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 5 n'iya 10;

Ishingiye ku ibaruwa n° 145/CNJR/2017 yo ku wa 31/03/2017, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko yandikiye Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora;

Ishingiye ku ibaruwa n° 577/NCPD/2017 yo ku wa 05/04/2017, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Inama y'Igihugu y'abantu bafite Ubumuga yandikiye Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora;

Ishingiye ku ibaruwa n° 440/21.05/CNF/2017 yo ku wa 06/04/2017, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore yandikiye Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora;

Inama y'Abakomiseri yateranye ku wa 04/04/2017, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

ITANZE AMABWIRIZA AKURIKIRA.

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo aya Mabwiriza agamije

Aya Mabwiriza agenga itora ry'Abakandida b'Abadepite b'u Rwanda mu Nteko Ishinga Amategeko y'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba (EALA) batorwa n'Inama y'Ighugu y'Abagore, Inama y'Ighugu y'Abantu bafite Ubumuga n'Inama y'Ighugu y'Urubyiruko, mbere yo kubashyikiriza Komisiyo y'Ighugu y'Amatora.

Ingingo ya 2: Abakandida bashyikirizwa Inteko Ishinga Amategeko

Komisiyo y'Ighugu y'Amatora igeza ku Nteko Ishinga Amategeko abakandida babiri (2) batorwa muri buri cyiciro, Inteko Ishinga Amategeko ikabatoramo umwe (1) muri buri cyiciro.

Ingingo ya 3: Ibisabwa abakandida

Nk'uko bitenganywa n'ingingo ya 5 y'Itegeko n°15/2012 ryo ku wa 03/05/2012 rigena itora ry'Abadepite b'u Rwanda mu Nteko Ishinga Amategeko y'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba (EALA), nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, umukandida kuri uwo mwanya agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

- 1) kuba ari umunyarwanda;
- 2) kuba yujuje nibura imyaka makumyabiri n'umwe (21) y'amavuko;
- 3) kuba ari inyangamugayo;
- 4) kuba afite impanyabushoboz ihanitse cyangwa ihwanye nayo, cyangwase yarakoze imirimo yo mu rwego rwo hejuru muri Leta cyangwa mu bikorera;
- 5) kuba afite uburambe cyangwa ubushake n'ubushoboz mu gushimangira no guteza imbere inzego z'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba;
- 6) kuba atarambuwe n'inkiko uburenganzira mboneza mubano n'ubwa politiki;
- 7) kuba atarakatiwe ku buryo budasubirwaho igihano cy'iremezo kingana cyangwa kirenze amezi atatandatu (6) kitahanaguweho n'imbabazi z'Itegeko cyangwa ihanagurwabusembwa;
- 8) kuba atarahamwe n'icyaha cya jenoside cyangwa ibyaha byibasiye inyokomuntu;
- 9) kuba atarahamwe n'icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenoside n'ibindi byaha bifitanye isano nayo;
- 10) kuba atarahamwe n'icyaha cy'ubwicanyi n'ubuhotozi;
- 11) kuba atarahamwe n'icyaha cyo gusambanya abana n'icyo gusambanya ku gahato
- 12) kuba adafunze;
- 13) kuba atari impunzi;
- 14) kuba adafite uburwayi bwo mu mutwe bwemejwe na muganga ubifitiye ububasha.

UMUTWE WA 2: ITORA RY'ABAKANDIDA BATANGWA N'INZEGO ZIHARIYE

ICYICIRO CYA MBERE: ILISITI Y'INTEKO ZITORA

Ingingo ya 4: Itegurwa ry'ilisiti y'itora

Inama y'Ighugu y'Abagore, Inama y'Ighugu y'Abantu bafite Ubumuga n'Inama y'Ighugu y'Urubyiruko, nizo zitegura ilisiti z'abagize Inteko zitora abakandida batangwa n'ibyo byiciro zikazishyikiriza Komisiyo y'Ighugu y'Amatora mu gihe kitari munsi y'iminsi itanu (5) mbere y'umunsi w'itora.

Ntawemerewe gutora atari ku ilisiti y'abagize Inteko itora.

Ingingo ya 5: Abagize Inteko itora abakandida batangwa n'Inama y'Igihugu y'Abagore

Abakandida batangwa n'Inama y'Igihugu y'Abagore batorwa n'Inama Rusange ku rwego rw'Igihugu igizwe n'aba bakurikira:

- 1) Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Igihugu;
- 2) Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Intara n'Umujiyi wa Kigali;
- 3) Abahuzabikorwa ba Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Uturere twose tugize Igihugu;
- 4) Abagore bahagarariye amashyirahamwe n'amakoperative by'abagore bafite ubuzima gatozi bikorera ku rwego rw'Igihugu.

Ingingo ya 6: Inteko itora abakandida b'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga

Abakandida batangwa n'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga batorwa n'Inama Rusange ku rwego rw'Igihugu igizwe n'aba bakurikira:

- 1) Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga ku rwego rw'Igihugu;
- 2) Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga ku rwego rw'Intara n'Umujiyi wa Kigali;
- 3) Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga ku rwego rw'Uturere ;
- 4) Abahuzabikorwa b' Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga ku rwego rw'Imirenge.

Ingingo ya 7: Inteko itora abakandida b'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko

Abakandida batangwa n'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko batorwa n'Inama Rusange ku rwego rw'Igihugu igizwe n'aba bakurikira:

- 1) Abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Igihugu;
- 2) Abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Uturere.

ICYICIRO CYA 2: ITANGWA RYA KANDIDATIRE

Ingingo ya 8: Abemerewe gutanga kandidatire

Abagore bose, Abantu bose bafite ubumuga n'Urubyiruko bujujwe ibisabwa biteganywa mu ngingo ya 2 y'aya Mabwiriza, bemerewe gutanga kandidatire ku myanya y'abandidada b'Abadepite b'u Rwanda muri EALA.

Si ngombwa ko abatanga kandidatire baba mu bagize Inteko itora gusa.

Ingingo ya 9: Igihe cyo gutanga kandidatire

Gutanga kandidatire bitangira tariki ya **24 Mata 2017 bisoze tariki ya 28 Mata 2017**.

Kandidatire zakirwa mu minsi y'akazi kuva saa moya za mu gitondo (07:00am), kugeza saa kumi n'imwe z'igicamunsi (05:00pm). Zakirirwa ku cyicaro cya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, utanze kandidatire agahabwa icyemezo cy'iyakira rya kandidatire ye.

Ingingo ya 10: Ibyangombwa bigomba guherekeza kandidatire

Buri kandidatire igomba guherekezwa ni ibi bikurikira:

- 1) amazina yose ya buri mukandida ahuye n'ari mu ikarita ndangamuntu ye;
- 2) umwirondoro ugaragaza itariki y'amavuko, umwuga we, aho yavukiye n'aho atuye;
- 3) icyemezo cy'amavuko kitarengeje amezi atatu (3) gitangwa n'urwego rubifitiye ububasha;
- 4) fotokopi y'ikarita ndangamuntu ye;
- 5) fotokopi y'ikarita y'itora ye;

- 6) icyemezo cy'ubutabera kitarengeje amezi atatu (3) gitanzwe n'urwego rubifitiye ububasha, kigaragaza ko umuntu atigeze akatirwa cyangwa yakatiwe igihano cy'igifungo;
- 7) kopi y'impamyabushobozi nibura ihanitse, cyangwa ihwanye n'iyo mpamyabushobozi, iriho umukono wa noteri, cyangwa icyemezo cy'uko yakoze imirimo yo mu rwego rwo hejuru muri Leta cyangwa mu bikorera.

Ingingo ya 11: Ibibujije mu itangwa rya kandidatre

Nta wemerewe gutanga kandatre ye icyarimwe mu byiciro bitandukanye bivugwa mu ngingo ya 4 y'aya Mabwiriza.

ICYICIRO CYA 3: KWIYAMAMAZA

Ingingo ya 12: Igihe cyo kwiyamamaza

Igikorwa cyo kwiyamamaza kw'Abakandida batangwa n'Inama y'Ighugu y'Abagore n'abatangwa n'Inama y'Ighugu y'Urubyiruko gikorwa ku munsi w'itora imbere y'abagize Inteko itora.

Kwiyamamaza kw'abakandida batangwa n'Inama y'Ighugu y'Abafite Ubumuga, bikorerwa ku rwego rw'Intara/Umujiyi wa Kigali na Zone y'Amatora, ahagenwa na Komisiyo y'Ighugu y'Amatora.

Igikorwa cyo kwiyamamaza kikayoborwa na Komisiyo y'Ighugu y'Amatora.

Ingingo ya 13: Uburyo bwo kwiyamamaza

Kwiyamamaza mu izina ry'Umutwe wa Politiki birabujije ku bakandida b'Abadepite b'u Rwanda muri EALA batorwa n'Inama y'Ighugu y'Abagore, n'Inama y'Ighugu y'abantu bafite Ubumuga, n'Inama y'Ighugu y'Urubyiruko.

Umukandida ageza ku nteko itora umwirondoro we na gahunda y'ibikorwa ateganya kubagezaho aramutse atowe.

Buri mukandida ahabwa iminota itarenga icumi (10) yo kwiyamamaza n'iminota itanu (5) yo kubazwa ibibazo igihe bibaye ngombwa. Birabujije kubaza umukandida ibibazo bigamije kumusebya cyangwa kumutesha agaciro imbere y'abagize inteko itora.

ICYICIRO CYA 4: IMIGENDEKERE Y'AMATORA

Ingingo ya 14: Aho amatora abera

Amatora y'Abakandida batangwa n'Inama y'Ighugu y'Abagore, n'abatangwa n'Inama y'Ighugu y'Urubyiruko abera ku rwego rw'Ighugu, ahagenwa na Komisiyo y'Ighugu y'Amatora. Itora ry'abakandida batangwa n'Inama y'Ighugu y'abantu bafite Ubumuga ribera ku rwego rw'Akarere, ahagenwa na Komisiyo y'Ighugu y'Amatora.

Mu cyiciro cy'abantu bafite Ubumuga, kuri Biro by'itora bya buri Karere, hatorera abanditse ku rutonde rw'Inteko itora y'ako Karere. Icyakora, ugize impamvu zumvikana zituma adatorera aho yanditse, yemererwa gutorera mu kandi Karere, nyuma yo kugenzura ko ari mu bagize inteko itora yagejejwe kuri Komisiyo y'Ighugu y'Amatora.

Ingingo ya 15: Igihe itora ritangirira

Itora ry'abakandida batangwa n'Inama y'Ighugu y'Abagore, n'Inama y'Ighugu y'abantu bafite Ubumuga, n'Inama y'Ighugu y'Urubyiruko ritangira ari uko hari nibura kimwe cya kabiri (1/2) cy'abagize Inteko itora. Iyo kimwe cya kabiri (1/2) cy'Inteko itora kitabonetse, amatora arasubikwa agasubirwamo mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7). Iyo kimwe cya kabiri (1/2) cy'abagize Inteko itora kitabonetse ku nshuro ya 2, itora rikorwa n'abaje, uko bangana kose.

Ingingo ya 16: Indahiro itangiza itora

Mbere yo gutangiza itora abayobora amatora barahira indahiro iteganywa n'Itegeko rigenga amatora. Iyi nyandiko igaragara ku mugereka wa **mbere (1) w'aya Mabwiriza**.

Ingingo ya 17: Inyandiko mvugo itangiza n'isoza itora

Nyuma yo kurahira no gusobanurira abagize Inteko itora imigendekere y'amatora, Umuhuzabikorwa w'Ibilo by'itora yuzuza inyandikomvugo itangiza itora. Yuzuza kandi inyandikomvugo isoza itora, itora rikirangira. Imiterere y'izi nyandikomvugo igaragara ku **mugereka wa kabiri (2) n'uwa gatatu (3) w'aya Mabwiriza**.

Ingingo ya 18: Ibyangombwa uje gutora yitwaza

Buri muntu wanditse uri ku ilisiti y'itora yemererwa gutora ari uko yerekanye ikimuranga n'ikarita y'itora bye. Iyo atabifite, Umuhuzabikorwa w'amatora amwemerera gutora hamaze gukorwa igenzura rigamije kumenya niba uje gutora abifitiye uburenganzira.

Ikarita y'itora ikoreshwa muri aya matora ni iyakoreshejwe mu matora y'abayobozi b'inzezo z'ibanze yabaye mu mwaka wa 2016.

Ingingo ya 19: Imikoreshereze y'agasanduku k'itora

Mbere y'uko itora nyirizina ritangira, Umuhuzabikorwa w'amatora ku Biro by'itora, amaze kwereka abahari ko agasanduku k'itora karimo ubusa, aragafunga akoreshheje imigozi yabugenewe, agasiga umwenge umwe wo gucishamo impapuro z'itora, akongera kugafungura ibarura ry'amajwi ritangira. Nyuma yo kubarura amajwi kongera gufungwa karimo impapuro zatoreweho n'izitatoreweho.

Ingingo ya 20: Uko abakandida batorwa

Mu itora ry'abakandida batangwa n'Inama y'Ighugu y'Abagore, Inama y'Ighugu y'Abafite Ubumuga n'abatangwa n'Inama y'Ighugu y'Urubyiruko, utora ahitamo abakandida batarenze babiri (2) mu cyiciro atoromo. Iyo utora ahisemo abakandida barenze babiri (2), urupapuro rufatwa nk'impfabusa.

Babiri (2) barushije abandi amajwi muri buri cyiciro nibo bakandida boherezwa mu Nteko Ishinga Amategeko.

Iyo hari abakandida banganyije amajwi ku mwanya wa kabiri (2), itora risubirwamo kuri abo banganyije amajwi. Iyo bongeye kunganya amajwi ku nshuro ya kabiri (2), hakoreshwa tombola kugira ngo hamenyekane uwegukanye uwo mwanya.

Uyobora amatora ashaka impapuro zingana n'umubare w'abanganyije amajwi, akandika kuri rumwe YEGO izisigaye akandikaho OYA. Izo mpapuro zishyirwaho kashe ya Komisiyo y'Ighugu y'Amatora n'uyobora amatora ku Biro by'itora. Buri wese mu banganyije amajwi ahitamo urupapuro rumwe. Utoye urupapuro rwanditseho "YEGO" aba atsinze itora.

Ingingo ya 21: Iyubahirizwa ry'ihame ry'uburinganire

Nibura umwe (1) mu Bakandida batangwa n'Inama y'Ighugu y'abantu bafite Ubumuga n'abatangwa n'Inama y'Ighugu y'Urubyiruko agomba kuba ari umugore.

Mu itora ry'abashaka kuba abakandida batangwa n'ibyiciro bivugwa mu gika kibanziriza iki, utora ahitamo umugabo n'umugore cyangwa agahitamo abagore babiri (2). Iyo utora ahisemo abagabo babiri (2), urupapuro rw'itora rufatwa nk'impfabusa.

Iyo nyuma y'itora bigaragaye ko imyanya yose yegukanywe n'abagabo gusa, umugabo wabaye uwambere niwe utangwa nk'umukandida watowe. Umugabo wabaye uwa kabiri (2) asimburwa kuri uwo mwanya n'umugore warushije amajwi abandi bagore.

Ingingo ya 22: Uburyo abafite ubumuga batora

Abatabona n'abandi bafite ubumuga butuma badashobora gutora ubwabo, bemerewe kwihitiramo umuntu ubibafashamo, ufite guhera ku myaka cumi n'ine (14) y'amavuko ariko atarageza ku myaka cumi n'umunani (18) y'amavuko.

ICYICIRO CYA 5: IBARURA RY'AMAJWI

Ingingo ya 23: Ibarura ry'amajwi ku biro by'itora

Kubarura amajwi bikorwa ako kanya itora rikirangira, imbere y'abagize Inteko Itora.

Inyandikomvugo y'ibavuye mu matora iba ikubiyemo ibi bikurikira:

- 1) umubare w'abagombaga gutora bari ku ilisiti y'inteko itora;
- 2) umubare w'abatoye;
- 3) umubare w'impapuro z'itora zatoreweho neza n'izabaye imfabusa;
- 4) amajwi buri mukandida yabonye.

Uwayobye amatora amenyesha abantu bahari ibavuye mu matora.

Mu ibarura ry'amajwi buri mukandida yemerewe kugira umuhagararira muri icyo gikorwa.

Nyuma y'ibarura ry'amajwi, umuhuzabikorwa w'amatora akora inyandikomvugo y'ibarura ry'amajwi. Imiterere y'iyo nyandiko igaragara ku mugereka wa kane **(4) w'aya Mabwiriza**.

Ingingo ya 24: Ihuzwa ry'amajwi y'abakandida

Nyuma y'ibarura ry'amajwi y'Abakandida batangwa n'Inama y'Igihugu y'abantu bafite Ubumuga, uwayobye amatora ku rwego rw'Akarere yoherereza ibavuye mu matora umukuriye ku rwego rw'Intara/Umujiyi wa Kigali. Umuhuzabikorwa w'ibikorwa by'amatora ku rwego rw'Intara cyangwa Umujiyi wa Kigali ahuza ibavuye mu matora ku rwego rw'Uturere tugize Intara/Umujiyi wa Kigali, akabyoherereza Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, hakurikijwe imiterere **y'umugereka wa gatanu (5) w'aya Mabwiriza**.

Ku bireba amatora y'abakandida batangwa n'Inama y'Igihugu y'Abagore n'Iy'Urubyiruko abera ku rwego rw'Igihugu, umuhuzabikorwa uyobora amatora, amaze kubarura ibavuye mu matora, abishyikiriza Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora hakurikijwe imiterere **y'umugereka wa kane (4) w'aya Mabwiriza**.

Nyuma yo guhuza ibavuye mu matora ya buri cyiciro, ku rwego rw'Igihugu, Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora akora raporo y'ibavuye mu matora ya buri cyiciro, akayishyikiriza Uhagarariye icyiciro bireba.

UMUTWE WA 3: IYOHEREZWA RYA LISITI N'IMYIRONDORO Y'ABAKANDIDA

Ingingo ya 25: Inzego zishyikiriza Abakandida Komisiyo y'Igihugu y'Amatora

Ilisiti n'imyirondoro y'abakandida batangwa n'Inama y'Igihugu y'Abagore, Inama y'Igihugu y'abantu bafite Ubumuga n'Inama y'Urubyiruko zishyikirizwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora mu nyandiko iriho amazina n'umukono by'abazihagarariye ku rwego rw'Igihugu, mu gihe kitarenze iminsi ibiri (02) nyuma y'umunsi w'itora.

Ilisiti n'imyirondoro by'Abakandida batangwa n'Imitwe ya Politiki cyangwa ab'Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki igomba guherekezwa n'inyandikomvugo y'Inama yemeje ilisiti y'Abakandida, iriho amazina n'umukono by'uhagarariye urwego rukuru rw'Umutwe wa Politiki cyangwa abahagarariye Imitwe ya Politiki yishyize hamwe.

Nibura kimwe cya kabiri (1/2) cy'abakandida batangwa n'ibyiciro byihariye n'abatangwa n'Imitwe ya Politiki cyangwa ab'Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki bagomba kuba ari abagore.

Ingingo ya 26: Iyoherezwa ry'ilisiti n'imyirondoro y'abakandida mu Nteko Ishinga Amategeko

Komisiyo y'Ighihu y'Amatora imaze kwakira, gusuzuma no kwemeza ilisiti y'abakandida, ishyikiriza Perezida wa Sena na Perezida w'Umutwe w'Abadepite, ilisiti y'abakandida bemejwe n'imyirondoro yabo, ikagenera kopi Perezida wa Repubulika na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga.

UMUTWE WA 4: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA

Ingingo ya 27: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranye n'aya Mabwiriza

Ingingo zose z'amabwiriza abanziriza aya kandi zinyuranye nayo zivanyweho.

Ingingo ya 28: Ishyirwa mu bikorwa ry'aya Mabwiriza

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsi yashyizweho umukono na Perezida wa Komisiyo y'Ighihu y'Amatora.

Bikorewe i Kigali ku wa 06/04/2017.



**Prof. KALISA MBANDA,
Perezida wa Komisiyo y'Ighihu y'Amatora**



**REPUBLIKA Y'U RWANDA
KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**



UMUGEREKA WA 1: INDAHIRO Y'ABAYOBORA IMIRIMO Y'AMATORA

Njyewe:.....

«Ndahiriye u Rwanda ku mugaragaro:

- 1) ko ntazahemukira Repubulika y'u Rwanda;
- 2) ko nzubahiriza Itegeko Nshinga n'andi mategeko;
- 3) ko nzaharanira uburenganzira bw'ibanze bwa muntu n'ibyagirira Abanyarwanda bose akamaro;
- 4) ko nzaharanira ubumwe bw'Abanyarwanda;
- 5) ko nzakorana umurava imirimo nshinzwe;
- 6) ko ntazakoresha ububasha mpawe mu nyungu zanjye bwhite.

Nintatira iyi ndahiro, nzabihanirwe n'amategeko.

Imana ibimfashemo”.

Amazina n'umukono by'umaze kurahira.....

Amazina n'umuko by'urahiza.....



REPUBLIKA Y'U RWANDA

KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA



UMUGEREKA WA 2: INYANDIKOMVUGO ITANGIZA ITORA

Umwaka wa ukwezi kwa umunsi wa

Twebwe....., Perezida w'Ibiro by'itora, dutangije itora ku buryo bukurikira:

- 1) Twagenzuye udusanduku tw'itora dusanga nta mpapuro zirimo.
- 2) Umubare w`abanditse ku ilisiti y'itora ni:
- 3) Umubare w'impapuro z'itora twahawe ni:
- 4) Itora ritangiye saa:

Amazina n'Umukono bya Perezida w'Ibiro by'itora.....,

Amazina n'Imikono by'Abaseseri

- 1).....
- 2).....
- 3).....



REPUBLIKA Y'U RWANDA
KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA



UMUGEREKA WA 3: INYANDIKOMVUGO ISOZA ITORA KU BIRO BY'ITORA

Ibiro by'itora.....

Umwaka wa.....ukwezi kwa....., umunsi wa.....,
twebwe....., Perezida w'ibiro by'itora
bya.....
Tumaze kubona ko ari saa....., abagize Inteko itora baje bamaze gutora bose,
Dushoje itora.

Amazina n'umukono bya Perezida w'Ibiro by'itora:



REPUBLIKA Y'U RWANDA
KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA



Intara ya/Umujiyi wa Kigali

Akarere ka.....

UMUGEREKA WA 4: INYANDIKO KU IBARURA RY'AMAJWI KU RWEGO RW'AKARERE

Umwaka wa.....ukwezi kwa.....umunsi wa.....

Twebwe

Umuhuzabikorwa w'amatora ku rwego rw'Akarere ka.....,

Tumaze gusoza itora no kubarura ibyavuye mu matora dusanze:

A. Ibjijanye n'amatora n'impapuro z'itora:

1. Umubare w'abagombaga gutora bari ku ilisiti y'itora:

Gore	Gabo	Bose
------	------	------

2. Umubare w'abatoye bari ku ilisiti y'itora:

Gore	Gabo	Bose
------	------	------

3. Umubare w'abatoye aho batanditse:

Gore	Gabo	Bose
------	------	------

4. Umubare w'abatoye bose:

Gore	Gabo	Bose
------	------	------

5. Umubare w'abatoye neza:

--

6. Umubare w'impapuro z'itora zabaye impfabusa:

--

7. Umubare w'impapuro zasigaye zidatoreweho:

--

B. Amajwi Abakandida babonye

Nº	Amazina y'umukandida	Amajwi yabonye	Ijanisha
1.			
2.			
3.			
4.			
5.			
6.			
7.			
8.			
9.			
10.			
11.			
12.			

Amazina n'umukono by'Umuhuzabikorwa w'amatora:.....

Amazina n'imikono by'Abaseseri:

-
-
-



REPUBLIKA Y'U RWANDA
KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

UMUGEREKA WA 5: INYANDIKOMVUGO Y'IHUZWA RY'AMAJWI KU RWEGO RW'INTARA

Intara/Umujiyi wa Kigali

Umwaka wa..... ukwezi kwa....., umunsi wa.....,
twebwe....., Umuhuzabikorwa w'amatora ku rwego rw'Intara
Tumaze guhuriza hamwe ibyavuye mu matora mu Turere twose tugize Intara dusanze:

A. Ibijyanye n'amatora n'impapuro z'itora:

1. Umubare w'abagombaga gutora bari ku ilisiti y'itora (Uturere twose):

Gore	Gabo	Bose
------	------	------

2. Umubare w'abatoye bari ku ilisiti y'itora (Uturere twose):

Gore	Gabo	Bose
------	------	------

3. Umubare w'abatoye neza:

--

4. Umubare w'impapuro z'itora zabaye impfabus:

--

5. Umubare w'impapuro zasigaye zidatorewaho:

--

B. Amajwi Abakandida babonye mu Turere no ku rwego rw'INTARA

N	AMAZINA Y'UMUKANDIDA	IBIMURANGA			AMAJWI YABONYE							YOSE	%
		M/F	Imyaka y'amavuko	Amashuri*	Mu Karere.			Mu Ntara					
1)													
2)													
3)													
4)													
5)													
6)													
7)													
8)													
9)													
IGITERANYO													

*AMASHURI: Hakoreshwa izi nyandiko: P3; P6; S3; A2; A1; Ao; Ms cyangwa PhD.

Amazina n'umukono by'Umuhuzabikorwa w'amatora ku rwego rw'Intara: